**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**

**AKARERE KA NYAMAGABE**

**<u>ITANGAZO N°1610/2023 RIHAMAGARIRA GUPIGANIRA GUKORESHA IBAGIRO RITO RY'INGURUBE</u>**

Ubuyobozi bw'Akarere ka **NYAMAGABE** buramenyesha abantu bafite ubushake n'ubushobozi kandi bujuje ibisabwa gupiganira gukoresha ibagiro rito ry'ingurube ***(Small size Pig Slaughter house)*** riherereye mu Murenge wa **GASAKA** Akagari ka **NYABIVUMU** Umudugudu wa **GASHARU**; ryubatswe ku bufatanye hagati y'Akarere n'Umushinga ushinzwe guteza imbere ubworozi bw'amatungo magufi **(PRISM),** wa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi **(MINAGRI)**, ukorera mu Kigo Gishinzwe guteza Imbere Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda **(RAB).**

Ubuyobozi bw'Akarere bukaba bwifuza kwegurira ba Rwiyemezamirimo (Koperative/Sosiyete) mu rwego rw'ubufatanye rw'abikorera hamwe na Leta (Public Private Partnership), gukoresha ibagiro rito ry'ingurube rivuzwe haruguru, bukaba buhamagarira abantu bose bujuje ibisabwa kwitabira iri piganwa.

1. **Ibisabwa ushaka gukoresha ibagiro rito ry'ingurube:**
   - Ibaruwa yandikiwe Umuyobozi w'Akarere, isaba gukoresha ibagiro rito ry'ingurube ryavuzwe haruguru;
   - Mu ibaruwa ivuzwe haruguru, usaba agaragaza icyangombwa cya Koperative (icyangombwa cy'ubuzimagatozi gitangwa na RCA) cyangwa Kampani (Icyemezo cy'iyandikisha rya sosiyete gitangwa na RDB) ahagarariye;
   - Kugaragaza uburyo azabyaza ibagiro umusaruro (business plan of the project);
   - Kugaragaza ibaruwa yemera ko yiteguye guhita atangira imirimo akimara guhabwa uburenganzira bwo gukoresha ibagiro; (commitment letter)
   - Icyangombwa kigaragaza ko yasuye ibagiro
   - Kugaragaza amasezerano ariho umukono wa Noteri yagiranye na Veterinaire wemewe n'urugaga rw'abaganga b'amatungo n'ibyangombwa byemewe (Licence itangwa ya RCVD na RICA);
   - Kugaragaza igiciro azajya yaka ku ngurube yabazwe hatabariwemo imisoro;
   - Kuba yiteguye kwishyura igiciro cy'ubukode kizashyirwaho n'Inama Njyanama y'Akarere,
   - Kuba yiteguye gusimbuza cyangwa gusana ibikoresho bishaje n'ibyangiritse mu gihe gusana cyangwa imirimo yo kubisimbuza no kubikoresha itarengeje agaciro k'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100,000 Frw)
   - Kuba usaba asanzwe akora umwuga ufitanye isano n'uruhererekane nyongeragaciro rw'inyama byaba ari akarusho (Bikagaragazwa n'icyemezo cy'ipatante gitangwa na Rwanda Revenue Authority )

**<u>ICYITONDERWA:</u> Uzatsindira gukoresha ibagiro ryavuzwe haruguru azamara igihe kingana n'amezi atandatu (6 mois) ataratangira kwishyura ubukode bw'inyubako.**

2. **Guhitamo abazakoresha ibagiro rito ry'ingurube**

   Uzahabwa gukodesha ibagiro ry'ingurube ni uzaba yujuje ibyasabwe mu itangazo
3. **Gusura ibagiro**

   Isura ry'ibagiro riteganyijwe tariki ya 13/06/**2023**. Abazajya gusura iryo bagiro bazahagurukira hamwe ku biro by'Akarere ka Nyamagabe **saa yine (10h00)** za mu gitondo.

AKARERE KA NYAMAGABE
REPUBULIKA Y'U RWANDA

4. **Gusinya amasezerano y'imikoreshereze y'ibagiro rito ry'ingurube**
   Amasezerano y'imicungire y'ibagiro rito ry'ingurube azasinywa hagati y'Akarere n'uhagarariye abazakoresha ibagiro rito ry'ingurube. Ayo masezerano azagaraza inshingano za buri ruhande mu gukoresha iryo bagiro.

5. **Igihe ntarengwa n'uburyo dosiye zoherezwa**
   Uwifuza gupiganira kandi wujuje ibisabwa byavuzwe haruguru, yohereza ibyangombwa bisabwa (**scanned & signed documents**) kuri email ikurikira **info@nyamagabe.gov.rw** bitarenze tariki ya 21.../06./**2023** saa kumi n'imwe (**17h00**) z'umugoroba. Iri tangazo riranaboneka ku rubuga rw'Akarere ka Nyamagabe ku gice cyahariwe amatangazo.
   Nyuma y'iyi saha yavuzwe haruguru ubusabe buzoherezwa ntibuzahabwa agaciro mu gihe cy'isuzuma. Ku bindi bisobanuro mwahamagara numero ya telefone **0783771377(Umukozi w'Akarere ushinzwe ubworozi)**

Bikorewe i **NYAMAGABE**, ku wa 06. /06/ **2023**

NDAYAMBAJE Aimé Joel
Corporate Services Division Manager
NYAMAGABE DISTRICT

AKARERE KA NYAMAGABE

**NGARAMBE Alfred**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka NYAMAGABE**